IKINYABUPFURA

Uruhare rw' abanegihugu beza ruteza imbere umuryango ; ariko inkozi z' ibibi zikarwangiza.

IHAME RY' ICYUMWERU

Ikinyabupfura ni umusemburo ugaragara kuri buri muryango mugari wateye imbere. Umugabo Webster yacyise, ishingiro, cyangwa ingeso zigaragaza imyifatire mibi n' imyiza. Hatabayeho umurongo ugenga imyifatire, twebwe ubwacu ntidushobora kwiyobora. Hatabayeho inshingiro ry' imyifatire umuryango mugari dutuyemo ntabwo wakorana neza.

Buri kimwe cyaremwe kigira abasirikare b'umubiri bitwa DNA kandi muri yo hakaboneka umurongo w' imyifatire ndetse n' impamvu yabyo. Naho ku nyamaswa usanga zifite ngingo z' imyifatire ibaze bityo zigashobora kugera ku ntego yazo, iyo niyo miterere yazo. Abantu batandukanye n' inyamaswa kuko bagira impano yo kwibaza. Iyi impano rero ibafasha kumenya, bagasobanukirwa maze bagakurikiza ingingo zabafasha kumenya ingaruka z' ibyo bakoze.

Usibye kwibaza kandi, abantu burya bagomba kugira ingingo zo gusobanukirwa ubuzima. Kuko icya mbere ni ukumenya, n' ubushobozi bwo gutandukanya icyiza ku kibi; icya kabiri dufite amategeko y' imana ndetse n' amahame ahuriweho n' isi yose.

Turabizi twese nka bantu ko kwica ari bibi, kwiba cyangwa (cg) kwangiza ibya bandi; ukwo niko kugira ubumuntu. Niyo mpamvu rero abantu bakora ibibi babikora mu mwijima cyangwa mu bwihisho.

Kuva rero umuntu yarahawe impano yo kwibaza cg gutekereza, bityo rero akeneya umurongo w' amabwiriza. Aya mabwiriza ahindukamo ingingo kugira ngo atange umusaruro (ingingo z' ubupfura). Turazikenera kuko iyo tuyahuje naya mpano yacu yo kwibaza bidufasha kumenya itandukaniro ry' umuntu.

Hagomba kwigishwa icyiza n' ikibi, aya niyo mabwiriza tuvuga, urugero kugira imyifatire ihwitse no kubaha ubuyobozi; nyamara bimwe mu byiza n' ibibi bihora muri kamere muntu, urugero kubeshya, kwiba, n' ibindi, ibi nibyo kumenya duhuriyeho.

Iyo twigwijeho imyumvire ya muntu ndetse no kwikubira, dufata ibyemezo bidahwitse. Ubwenge bwacu buba bwaganjwe gusa usibye ko tuba dushobora guhitamo maze tugakurikiza amahame ahuriweho n' isi yose ndetse naya ngingo yo gukora igikwiye cyangwa se tugahitamo kutabikora.

Abakurambere bacu bari barabiteye ijisho hakiri kare. Ni nayo mpamvu itegeko nshinga hamwe n' umuyoboro w' amategeko wubakiye kuri ya mahame ahuriweho n' isi yose.

INYUNGU

1. Abantu bafite uburere bakorera mu mucyo, ntibagira ikibazo cyo kureba umuntu amaso ku maso, kandi n' ubwenge bwabo buratuje.
2. Ntabwo baterwa ipfunwe cg ngo babangamirwe mu gihe baganira izo ngingo z' imyitwarire myiza cg uburere. Amategeko y' imana ndetse nayo mahame y' isi yose atwigisha kunoza umubano mwiza n'abandi ndetse no kubaka no kugaburira umuryango mugari dutuyemo uburere. Gusobanukirwa no kubahiriza amahame ntaho bihuriye n' idini cg ingengabitekerezo, gusa ni ukubaka ubuzima bwiza hamwe n' umuryango ukeye.
3. Iyo tubaye kandi tukibona muri iyi miryango ndetse niyo twitwaje ya mahame y'isi yose icyo gihe tuba duhaye ubuzima agaciro kandi tukubaha abantu bagenzi bacu. Umuryango urahungukira ndeste niyo abawutuyemo bakurikije izi ngingo z' ubupfura.

INTAMBWE ZIKURIKIZWA

1. Itoze kandi wibuke aya mahame y' isi yose. Kuko abantu dushobora gutekereza, bityo rero dukeneye kugaburira ibitekerezo byacu n' imyumvire myiza hamwe n' amahame meza ku kinyabupfura. Nituramuka tutabikoze tuzaba duhaye urubuga kuyoborwa n' ibyifuzo byacu, ndetse n' imyumvire ituzuye.
2. Ujye witonda cyane kugira ngo utazatokoza ayo mahame ndetse n' indangagaciro. Iyo ubwenge bwacu butangiye kuvugira ibikorwa byacu aho rero tuzagera kuri rwa rwego twitiranya indangagaciro

Inzira ni mikorere y'
IKINYABUPFURA

ni uko icyiza tucyite ikibi maze ikibi tucyite icyiza. Imitekerereze hamwe n' ubumuntu bwacu bigomba kugaburirwa kandi bikambikwa n' amategeko y' Imana hamwe n' amahame y' isi. Iki cyonyine nicyo kizaturinda kwihagararaho mu mafuti. Bivuze ngo niba ubwenge bwacu bwambaye amahame y' isi yose bityo ibikorwa byacu nabyo bizarangwa n'ubupfura.

3. Ujye ukorana umucyo mu migambi yawe kandi uyishyire ku munzani umwe n' amahame, niba rero itsinze icyo ikizamini uzaba uzira amakemwa. Wibuke ko kandi gusubira ibikorwa byiza byagura amarembo yo guhora witwara neza. Ikinyuranyo kandi nacyo ni ukuri; gukomeza gukora ibidahwitse/ ibibi kandi bitera umutima kwinagira maze tukiyambura cya kinyabupfura, haba mu bantu mu nyungu zacu ndetse n' migambi yacu.
4. Kurikira umurongo w' ubupfura utanga ubutabera burenganura abantu bose. Ujye uyoborwa kandi n' ingingo isuzuma igikwiye n' ikidakwiye. Ingingo dushimangira hano ni uko ugukoresha ukuri bivuze ko ntukifurize abandi ibyo nawe utifuza ko bagukorera. Ibi kandi si icyifuzo ahubwo ni ngombwa .
5. Menya gutandukanya ibyemewe n' amategeko hamwe n' ikinyabupfura; kuko abantu bamwe bibagora kubitandukanya. Amategeko agomba kunganirwa n' amahame y'isi. Gukuramo inda hamwe n' ibiyobyabwenge bimwe bishobora kuba byemewe n' amategeko, ariko ntibivuze ko ari byiza/ uburere/ ubupfura. Bityo rero ujye usoma, ukore ipererezа, maze urebe aho ukuri guherereye.
6. Agura ibyiyumviro byawe. Ahanini mu myifatire ndangagaciro usanga bigengwa n' ibyiyumviro byacu. Koresha ibyiyumviro byawe maze usobanukirwe "kuki" dukeneye amahame ahuriweho n' isi yose. Igisha abandi cyane cyane abana uko bakoresha ibyiyumviro.

IBAZE KANDI USUBIZE

1. Ese waba wibwira ko igihugu cyacu cyakoze amakosa runaka, iyo tuvuze ikinyabupfura ? byatewe n' iki se?
2. Ese yaba ari uwuhe musaruro ndetse n' ingaruka mu gihe dutakaje ikinyabupfura ?
3. Ese yaba ari uwuhe musaruro ndetse n' ingaruka mu gihe twambaye ikinyabupfura?

Ibuka....Intekerezo zibyara ibikorwa, Ibikorwa bibyara ingeso, Ingeso zirema kamere, yacu Nuko kamere igena ejo hacu hazaza!

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota?										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame??										
Ingengabihe kw' ihame usoma buri munsi	M	T	W	T	F	S	S			